

ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/11.30 RYO KUWA 10/02/2016 RIGENGA UBURYO BWO GUKUSANYA, GUTWARA NO GUCURUZA AMATA

MINISTERIAL ORDER N° 001/11.30 OF 10/02/2016 REGULATING THE COLLECTION, TRANSPORTATION AND SELLING OF MILK

ARRETE MINISTERIEL N° 001/11.30 DU 10/02/2016 REGLEMENTANT LA COLLECTE, LE TRANSPORT ET LA VENTE DU LAIT

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 2: Définitions des termes**

**UMUTWE WA II: GUKUSANYA AMATA**

**CHAPTER II: MILK COLLECTION**

**CHAPITRE II: COLLECTE DU LAIT**

**Ingingo ya 3: Ikusanyirizo ry'amata**

**Article 3: Milk collection center**

**Article 3: Centre de collecte de lait**

**Ingingo ya 4: Ibyo ikusanyirizo ry'amata rigomba kuba ryujuje**

**Article 4: Requirements for a milk collection center**

**Article 4: Conditions exigées pour un centre de collecte du lait**

**Ingingo ya 5: Ibikoresho byo gupima ubuziranenge bw'amata**

**Article 5: Milk quality testing equipment**

**Article 5: Equipements pour tester la qualité du lait**

**Ingingo ya 6: Gukusanya amata**

**Article 6: Milk collection**

**Article 6: Collecte du lait**

**Ingingo ya 7: Umukozi ushinzwe gupima ubuziranenge bw'amata**

**Article 7: Technician responsible for milk quality testing**

**Article 7: Technicien chargé du contrôle de la qualité du lait**

**UMUTWE WA III: GUTWARA AMATA**

**CHAPTER III: MILK TRANSPORTATION**

**CHAPITRE III: TRANSPORT DU LAIT**

**Ingingo ya 8: Gutwara amata**

**Article 8: Transportation of milk**

**Article 8 : Transport du lait**

<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Gusaba uruhushya rwo gutwara amata	<b><u>Article 9:</u></b> Application for a milk transportation permit	<b><u>Article 9:</u></b> Demande d'un permis de transport du lait
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Itangwa ry'Uruhushya rwo gutwara amata	<b><u>Article 10:</u></b> Issuance of the milk transportation permit	<b><u>Article 10:</u></b> Délivrance d'un permis de transport du lait
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Ibisabwa ku modoka itwara amata	<b><u>Article 11:</u></b> Requirements for a vehicle that transports milk	<b><u>Article 11:</u></b> Exigences pour un véhicule de transport du lait
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Igihe amata agomba gutwarwamo	<b><u>Article 12:</u></b> Duration of transportation of milk	<b><u>Article 12:</u></b> Durée de transport du lait
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Icyangombwa cyemeza aho amata aturutse	<b><u>Article 13:</u></b> Certificate of origin	<b><u>Article 13:</u></b> Certificat d'origine
<b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> ICURUZWA RY'AMATA	<b><u>CHAPTER IV:</u></b> SELLING OF MILK	<b><u>CHAPITRE IV:</u></b> VENTE DU LAIT
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Uruhushya rwo gucuruza amata	<b><u>Article 14:</u></b> License to sell milk	<b><u>Article 14:</u></b> Permis de vente du lait
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Ibyo amata acuruzwa agomba kuba yujuje	<b><u>Article 15:</u></b> Requirements of milk for sale	<b><u>Article 15:</u></b> Exigences pour le lait à vendre
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Ibikoresho	<b><u>Article 16:</u></b> Utensils and equipment	<b><u>Article 16:</u></b> Ustensiles et équipements
<b><u>UMUTWE WA V:</u></b> UBUGENZUZI BW'UBUZIRANENGE N'IBIYAKOMOKAHO	<b><u>CHAPTER V:</u></b> MILK AND MILK PRODUCTS QUALITY CONTROL INSPECTION	<b><u>CHAPITRE V:</u></b> INSPECTION DE LA QUALITE DU LAIT ET PRODUITS DERIVES
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Amata yemewe gucuruzwa mu Rwanda	<b><u>Article 17:</u></b> Milk allowed to be commercialized in Rwanda	<b><u>Article 17:</u></b> Lait autorisé à être commercialisé au Rwanda
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Kwihanangiriza	<b><u>Article 18:</u></b> Warning	<b><u>Article 18:</u></b> Avertissement
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Ihagarikwa ry'agateganyo ry'uri mu ruhererekane rw'amata	<b><u>Article 19:</u></b> Temporary suspension of a milk chain actor	<b><u>Article 19:</u></b> Suspension temporaire d'un acteur de la chaîne du lait

**Ingingo ya 20:** Raporo y’ubugenzuzi bw’amata

**Article 20:** Milk inspection report

**Article 20:** Rapport de l’inspection du lait

**UMUTWE WA VI:** INGINGO  
**Z’INZIBACYUHO N’IZISOZA**

**CHAPTER VI:** TRANSITIONAL AND FINAL  
**PROVISIONS**

**CHAPITRE VI:** DISPOSITIONS  
**TRANSITOIRES ET FINALES**

**Ingingo ya 21:** Igihe cy’inzibacyuho

**Article 21:** Transitional period

**Article 21:** Période de transition

**Ingingo ya 22:** Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije  
n’iri teka

**Article 22:** Repealing provision

**Article 22:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 23:** Igihe iteka ritangira gukurikizwa

**Article 23:** Commencement

**Article 23:** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/11.30 RYO KUWA 10/02/2016 RIGENGA UBURYO BWO GUKUSANYA, GUTWARA NO GUCURUZA AMATA**

**MINISTERIAL ORDER N°001/11.30 OF 10/02/2016 REGULATING THE COLLECTION, TRANSPORTATION AND SELLING OF MILK**

**ARRETE MINISTERIEL N°001/11.30 DU 10/02/2016 REGLEMENTANT LA COLLECTE, LE TRANSPORT ET LA VENTE DU LAIT**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;**

**The Minister of Agriculture and Animal Resources;**

**Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'ya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 54/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 151 n'ya 152;

Pursuant to Law n° 54/2008 of 10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious diseases for domestic animals in Rwanda, especially in Articles 151 and 152;

Vu la Loi n° 54/2008 du 10/09/2008 portant règlement de la police sanitaire des animaux domestiques au Rwanda, spécialement en ses articles 151 et 152;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/10/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/10/2015;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/10/2015;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka ritanga imirongo ngenderwaho yerekeanye no gukusanya, gutwara no gucuruza amata mu Rwanda.

This Order determines guidelines for collection, transportation and selling of milk in Rwanda.

Le présent arrêté détermine les lignes directrices pour la collecte, le transport et la vente du lait au Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **amata:** umukamo w'inka ufite ibara ry'umweru ukomoka ku nka itarwaye, igaburirwa neza, ukamwe nibura mu minsi irindwi (7) nyuma yo kubyara n'iminsi mirongo itatu (30) mbere y'uko yongera kubyara;
- 2° **ikusanyirizo ry'amata:** ahantu hakusanyirizwa amata kugira ngo apimwe ubuziranenge mbere y'uko agurishwa. Ikusanyirizo rishobora kuba riciriritse rigizwe n'ahakusanyirizwa amata gusa cyangwa rikaba irya kijyambere rigizwe n'inyubako n'ibikoresho byabugenewe;
- 3° **ahacururizwa amata:** inzu iyo ari yose icururizwamo amata yujuje ibisabwa n'iri teka;
- 4° **umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata:** umukozi w'urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano.

**UMUTWE WA II: GUKUSANYA AMATA**

**Ingingo ya 3: Ikusanyirizo ry'amata**

Amata agomba gukusanyirizwa ahantu ashobora gupimirwa ubuziranenge mbere y'uko agurishwa.

**Article 2: Definitions of terms**

In this Order, the following terms shall have the following meaning:

- 1° **milk:** whitish and integral liquid produced by a healthy and well fed cow, extracted at least seven (7) days after calving and thirty (30) days before next calving;
- 2° **milk collection center:** place where raw milk is collected so as to be tested for quality before sale. The milk collection center may be a moderate place sufficient to collect milk or be made of a modern building with appropriate milk testing equipment;
- 3° **milk kiosk:** any premises that is fulfilling the requirements specified in this Order in which milk is sold;
- 4° **inspector of milk quality:** employee from the authority in charge of livestock products inspection.

**CHAPTER II: MILK COLLECTION**

**Article 3: Milk collection center**

Milk shall be collected at a milk collection center where it shall be tested for quality before sale.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants sont définis comme suit:

- 1° **lait :** produit liquide blanchâtre et intégral produit par une vache laitière en bonne santé et bien nourrie, extrait au moins sept (7) jours après le vêlage et trente (30) jours avant le vêlage suivant;
- 2° **centre de collecte du lait:** endroit où le lait est collecté, testé avant d'être vendu. Le centre de collecte de lait peut être une place modeste et suffisante pour collecter le lait ou peut fait d'un bâtiment moderne avec des équipements de test de lait appropriés;
- 3° **kiosque de lait:** tout local remplissant les conditions requises par le présent arrêté dans lequel est vendu du lait;
- 4° **inspecteur de la qualité du lait :** agent de l'organe chargé de l'inspection des produits d'origine animale.

**CHAPITRE II: COLLECTE DU LAIT**

**Article 3: Centre de collecte de lait**

Le lait est collecté dans un endroit où les tests de qualité et la préservation sont possibles avant d'être vendu.

**Ingingo ya 4: Ibyo ikusanyirizo ry'amata rigomba kuba ryujuje**

Buri kusanyirizo ry'amata rigomba kuba rifite inyubako:

- 1° ifite pavoma y'amakaro akomeye, atanyerera, yubatswe ku buryo amazi atareka binoroshye gusukura;
- 2° ifite inkuta z'amakaro yera kugeza ku buhagarike bungana na metero ebyiri (2);
- 3° ifite umwuka n'urumuri bihagije n'amadirishya ariho utuyunguruzo two kubuza isazi n'utundi dukoko kwinjira;
- 4° ifite igisenge gikomeye kandi cyubakishijwe ibikoresho byabugenewe gikumira imihindagurikire y'ubushyuhe, udukoko ndetse n'indi myanda iva ku idari;
- 5° ifite isakaro rigari rikozwe mu bikoresho byabugenewe kugira ngo rikumire ukuvirwa kw'inyubako;
- 6° ifite ingarani yabugenewe;
- 7° ifite amazi meza kandi ahoraho;
- 8° yitaruye nibura metero magana abiri (200)

**Article 4: Requirements for a milk collection center**

Every milk collection center must have premises that:

- 1° have a floor made of strong and non-slippery tiles, designed in such a way that allows easy drainage and cleaning;
- 2° have walls with white tiles extending to a distance of two (2) meters high;
- 3° have adequate ventilation, sufficient light, and windows with nets to prevent entry of flies and other insects;
- 4° have a ceiling built with strong and appropriate materials to help in prevention of temperature changes, vermin and dirt from the roof;
- 5° have a large roof made in appropriate material and impervious to water in order to prevent leaking;
- 6° have an appropriate waste disposal system;
- 7° have a reliable supply of clean water;
- 8° are located at least two hundred (200)

**Article 4: Conditions exigées pour un centre de collecte du lait**

Chaque centre de collecte de lait doit avoir un bâtiment:

- 1° ayant un pavement couvert de carreaux solides, non glissants, bien conçus facilitant l'écoulement et le nettoyage;
- 2° ayant des murs couverts de carreaux blancs jusqu'à deux (2) mètres de haut;
- 3° ayant une aération adéquate, une lumière suffisante et des fenêtres avec moustiquaires pour empêcher les mouches ou autres insectes d'entrer;
- 4° ayant un plafond construit avec des matériaux solides et appropriés afin de limiter les variations de température et empêcher la vermine et la saleté du toit d'entrer;
- 5° ayant un toit large et fabriqué en matériaux appropriés pour empêcher la pluie d'entrer à l'intérieur;
- 6° ayant un système approprié pour l'élimination des déchets;
- 7° disposant d'un approvisionnement fiable en eau potable;
- 8° situé au moins à deux cents (200) mètres

**Official Gazette n° 07 of 15/02/2016**

y'ahantu hari umwanda;	meters away from any unsanitary area;	de toute zone insalubre;
9° ifite umuriro w'amashanyarazi cyangwa moteri itanga umuriro;	9° have electricity or generator;	9° ayant du courant électrique ou un groupe électrogène;
10° rifite uruzitiro rukomeye;	10° have a strong security fence;	10° ayant une clôture de sécurité solide;
11° ifite icyumba cy'aho amata asuzumirwa ubuziranenge gifite ibikoresho byose;	11° have a well-equipped milk laboratory;	11° ayant un laboratoire bien équipé;
12° ifite icyumba cy'aho amata akonjesherezwa;	12° have a milk cooling room;	12° ayant une chambre de refroidissement du lait;
13° iri hafi y'umuhanda.	13° have access to the road.	13° ayant avoir accès à la route.

**Ingingo ya 5: Ibikoresho byo gupima ubuziranenge bw'amata**

Buri kusanyirizwa ry'amata rigomba kuba rifite ibikoresho byo gupima ubuziranenge bw'amata bikurikira:

- 1° akuma gapima umubanja;
- 2° akuma gapima ireme bwite ry'amata;
- 3° akuma gapima ubushyuhe;
- 4° igikoresho gipima ibisigazwa by'imiti mu mata;
- 5° ibikoresho bipima ifumbi y'ibere.

**Article 5: Milk quality testing equipment**

Every milk collection center must be equipped with the following milk quality testing equipment:

- 1° alcoholmeter;
- 2° lacto densimeter;
- 3° thermometer;
- 4° antibiotic residue test kit;
- 5° mastitis test kit.

**Article 5: Equipements pour tester la qualité du lait**

Chaque centre de collecte de lait doit être muni des équipements suivants pour tester la qualité du lait:

- 1° alcoomètre;
- 2° lactodensimètre;
- 3° thermomètre;
- 4° matériel pour tester les résidus d'antibiotiques;
- 5° matériel pour tester la mammite.

**Ingingo ya 6: Gukusanya amata**

Amata yose agenewe gucuruzwa agomba gukusanyirizwa ku ikusanyirizo ry'amata cyangwa ku ikaragiro kugira ngo apimwe ubuziranenge.

Umuntu wese uri mu bucuruzi bw'amata agomba kugira ibikoresho bipima ubuziranenge bw'amata bivugwa mu ngingo ya 5.

**Ingingo ya 7: Umukozi ushinzwe gupima ubuziranenge bw'amata**

Ikusanyirizo ry'amata ryose rigomba kuba rifite umutekenisiye wabihuguriwe ushinzwe gupima ubuziranenge bw'amata.

**UMUTWE WA III: GUTWARA AMATA**

**Ingingo ya 8: Gutwara amata**

Umuntu wese utwara amata agomba gukoresha ibicuba bikoze mu cyuma kitagwa umugese gipfundikiye neza n'umufuniko wacyo cyangwa imodoka yagenewe gutwara amata ifite itanki ikonjesha amata ku gipimo cy'ubushyuhe kitari hejuru ya dogere Selisiyusi enye (4°C).

Umuntu wese utwara amata agomba gukoresha bumwe mu buryo bukurikira:

- 1° amaguru;
- 2° igare;
- 3° ipikipiki; cyangwa
- 4° imodoka yabugenewe.

**Article 6: Milk collection**

Any milk intended for sale shall be collected at the milk collection center or at the processing plant for quality testing.

Any person involved in milk business shall possess milk quality testing equipment mentioned in Article 5.

**Article 7: Technician responsible for milk quality testing**

Every milk collection center must have a trained technician who shall be in charge of milk quality testing.

**CHAPTER III: MILK TRANSPORTATION**

**Article 8: Transportation of milk**

Any person who transports milk must use well closed stainless steel cans covered by their own covers or an appropriate vehicle with a cooling tank that keeps the milk at a temperature that does not exceed four degrees Celsius (4°C).

Any person who transports milk shall use one of the following means:

- 1° by foot;
- 2° a bicycle,
- 3° a motorcycle; or
- 4° an appropriate vehicle.

**Article 6: Collecte du lait**

Tout lait destiné au commerce doit être collecté à travers un centre de collecte de lait ou une laiterie afin d'être testé pour sa qualité.

Toute personne qui fait le commerce de lait doit posséder le matériel pour tester la qualité du lait tel que mentionné dans l'article 5 du présent arrêté.

**Article 7: Technicien chargé du contrôle de la qualité du lait**

Chaque centre de collecte de lait doit avoir un technicien formé pour tester la qualité du lait.

**CHAPITRE III: TRANSPORT DU LAIT**

**Article 8: Transport du lait**

Toute personne qui transporte le lait doit utiliser des pots à lait en acier inoxydable bien fermés avec leurs propres couvercles ou les véhicules frigorifiques permettant de stocker le lait à une température n'excédant pas quatre degrés Celsius (4°C).

Toute personne qui transporte le lait doit utiliser un des moyens suivants :

- 1° à pied ;
- 2° vélo ;
- 3° moto ; ou
- 4° véhicule approprié.



Icyakora, iyo amata atwawe mu buryo buvugwa mu gace ka 4° k'igika cya kabiri cy'iyi ngingo, ibicuba by'amata ntibigomba kugerekerana.

**Ingingo ya 9: Gusaba uruhushya rwo gutwara amata**

Umuntu wese ukora umwuga wo gutwara amata yo gucuruza ayavanye ku ikusanyirizo agomba kubisabira uruhushya mu nyandiko urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano zarwo.

**Ingingo ya 10: Itangwa ry'Uruhushya rwo gutwara amata**

Umuyobozi w'urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo atanga uruhushya rwo gutwara amata mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uherye aho yaboneye ubusabe bw'uruhushya.

**Ingingo ya 11: Ibisabwa ku modoka itwara amata**

Umuntu wese uhitamo gukoresha imodoka mu gutwara amata agomba kureba ko:

- 1° imodoka isukuye kandi ifunze hejuru iyo bishoboka;
- 2° nta kindi kintu imodoka itwaye kitari amata.

However, if the milk is transported by use of the mean referred to in item 4° of Paragraph two of this Article, milk cans shall not be stacked on top of each other.

**Article 9: Application for a milk transportation permit**

Any person who transports milk for selling from a milk collection center shall apply, in writing, for a milk transportation permit from the authority responsible for inspection of livestock products.

**Article 10: Issuance of the milk transportation permit**

The head of the authority responsible for inspection of livestock products shall issue the milk transportation permit in a period not exceeding fifteen (15) working days from reception of the application of the permit.

**Article 11: Requirements for a vehicle that transports milk**

Any person who decides to use a vehicle to transport milk must ensure that the vehicle:

- 1° is clean and covered on top where applicable;
- 2° carries no other product except milk.

Cependant, quand le lait est transporté par l'utilisation du moyen mentionné au point 4° de l'alinéa deux du présent article, les pots ne doivent pas être superposés les uns sur les autres.

**Article 9: Demande d'un permis de transport du lait**

Toute personne qui transporte le lait du centre de collecte de lait destiné à la vente doit en formuler une demande écrite auprès de l'organe ayant l'inspection des produits d'origine animale dans ses attributions.

**Article 10: Délivrance d'un permis de transport du lait**

Le chef de l'organe ayant l'inspection des produits d'origine animale dans ses attributions délivre le permis de transport du lait dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de la réception de la demande de permis.

**Article 11: Exigences pour un véhicule de transport du lait**

Toute personne qui opte pour utiliser un véhicule pour le transport du lait doit s'assurer que le véhicule:

- 1° est propre et couvert au-dessus si possible ;
- 2° ne transporte pas un produit autre que le lait.

**Ingingo ya 12: Igihe amata agomba gutwarwamo**

Nta muntu wemerewe gutwara amata mu gihe kirenze amasaha abiri (2), keretse akoresheje imodoka yabugenewe ifite itanki ikonjesha amata ku gipimo kivugwa mu ngingo ya 8 y'iri teka.

**Ingingo ya 13: Icyangombwa cyemeza aho amata aturutse**

Umuntu wese uvana amata ku ikusanyirizo agomba kuba afite icyangombwa cy'aho amata aturutse gitangwa n'ikusanyirizo.

Icyangombwa cy'aho amata aturutse kigomba kugaraza:

- 1° umwirondoro w'ikusanyirizo ry'amata;
- 2° amazina y'utwaye amata n'aho ayajyanjye;
- 3° ingano y'ibipimo by'amata n'ibipimo by'ubuziranenge bwayo;
- 4° amazina n'umukono by'umukozi ushinzwe gupima ubuziranenge bw'amata n'itariki.

**UMUTWE WA IV: ICURUZWA RY'AMATA**

**Ingingo ya 14: Uruhushya rwo gucuruza amata**

Umuntu wese wifuzaga gucuruza amata ku rwego

**Article 12: Duration of transportation of milk**

No person shall transport milk in a period exceeding two (2) hours, unless the person uses an appropriate vehicle equipped with a cooling tank that keeps the milk at the temperature referred to in Article 8 of this Order.

**Article 13: Certificate of origin**

Any person who transports milk from a milk collection centre must have a certificate of origin issued by the milk collection center.

The certificate of origin must indicate:

- 1° identification of the milk collection center;
- 2° full names of the milk transporter and destination;
- 3° quantity and quality test results of the milk;
- 4° full names and signature of the milk test quality technician and date.

**CHAPTER IV: SELLING OF MILK**

**Article 14: License to sell milk**

Any person who intends to sell milk at level of

**Article 12: Durée de transport du lait**

Aucune personne ne doit transporter le lait d'un centre de collecte à une laiterie dans une durée dépassant deux (2) heures, sauf si elle utilise un véhicule approprié muni d'une citerne frigorifique maintenant le lait à la température mentionnée à l'article 8 du présent arrêté.

**Article 13: Certificat d'origine**

Toute personne qui transporte le lait à partir d'un centre de collecte de lait doit avoir un certificat d'origine délivré par le centre de collecte de lait.

Le certificat d'origine doit indiquer :

- 1° l'identification du centre de collecte du lait;
- 2° le nom et prénom du transporteur du lait et sa destination;
- 3° résultats des tests sur la quantité et la qualité du lait ;
- 4° le nom, prénom et la signature du technicien chargé du control de la qualité du lait, ainsi que la date.

**CHAPITRE IV: VENTE DU LAIT**

**Article 14: Permis de vente du lait**

Toute personne ayant l'intention de vendre le lait

*Official Gazette n° 07 of 15/02/2016*

rw'ikusanyirizo agomba kubisabira uruhushya, mu nyandiko, ku rwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano zarwo.

Icyakora, uwifuza gucuruza amata ku rwego rwa kioske agomba gubisabira uruhushya, mu nyandiko, ku buyobozi bw'umurenge iyo kioske ihereyemo hakurikijwe ibisabwa n'iri teka. Ibi binareba uruhushya rwo gucuruza amavuta y'inka.

**Ingingo ya 15: Ibyo amata acuruzwa agomba kuba yujuje**

Nta muntu ugomba gucuruza amata atabanje gupimwa mu gihe cyo kuyakira.  
Amata acuruzwa agomba kuba:

- 1° afite ireme bwite rya (1,026 - 1,032) ku bushyuhe bwa dogere Selisiyusi makumyabiri (20°C);
- 2° afite ubusharire rusange buri hagati ya gatandatu n'ibice mirongo itandatatu na gatandatu n'ibice mirongo inani (6,60 – 6,80);
- 3° aho bishoboka ko apimwa, afite ibinure nibura bingana na gatatu n'ibice makumyabiri na bitanu ku ijana (3,25%);
- 4° aho bishoboka ko apimwa, afite ibisigaye bitari amavuta nibura bingana n'umunani n'ibice bitanu ku ijana (8,5%).

milk collection center must, in writing, apply for a license to do so to the authority in charge of livestock products inspection.

However, any person who intends to sell milk at the milk kiosk level must, in writing, apply for the license to do so to the sector authorities where the milk kiosk is located. Provisions of this paragraph applies to the licence to deal in ghee.

**Article 15: Requirements of milk for sale**

No person shall sell milk unless the milk is tested at its reception.  
Milk for sale must:

- 1° have a density of (1.026 – 1.032) at twenty degrees Celsius (20°C)
- 2° have a measure of acidity or alkalinity between six point sixty (6.60) and six point eighty (6.80) (pH: 6.60 – 6.80);
- 3° have, where test is possible, fat content at least three point twenty-five percent (3.25%);
- 4° have, where test is possible, other solids non fat at least eight point five per cent (8.5%).

au niveau du centre de collecte doit en formuler demande écrite auprès d'autorité ayant l'inspection des produits d'origine animale dans ses attributions.

Toutefois, toute personne ayant l'intention de vendre le lait au niveau du kiosque doit en formuler une autorisation écrite auprès de l'autorité du secteur où le kiosque de lait se trouve. L'autorisation de faire le commerce du lait caillé et du beurre de vache s'obtient aussi au niveau du secteur.

**Article 15: Exigences pour le lait à vendre**

Aucune personne ne doit vendre du lait à qui n'est pas testé à sa réception.  
Le lait à vendre doit :

- 1° avoir une densité de (1,026– 1,032) à vingt degrés Celsius (20 ° C) ;
- 2° avoir un potentiel d'hydrogène (pH) d'entre six et soixante centième et six et quatre-vingt centième (6,60 – 6,80) ;
- 3° au cas où le test est possible, avoir une teneur en matières grasses d'un minimum de trois virgule vingt-cinq pourcent (3,25%) ;
- 4° au cas où le test est possible, avoir des Solides Non Gras d'un minimum de huit virgule cinq pour cent (8,5%).

Icyakora, amata y'ikivuguto ndetse n'amavuta y'inka bicuruzwa bigomba kuba byujuje ibipimo by'ubuziranenge nk'uko bigenwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubuziranenge.

**Ingingo ya 16: Ibikoresho**

Nyir'ahacururizwa amata wese agomba kuba afite ibikoresho by'ibanze bikurikira:

- 1° amasafuriya atagwa umugese yoroshye gusukura kandi bitabika imyanda, za mikorobe cyangwa udukoko dutera indwara ;
- 2° ibikombe n'ibirahure;
- 3° amabase n'indobo bikoze mu bintu bitagwa umugese, byoroshye gusukura kandi bitabika imyanda, bidafasha kwiyongera kwa za mikorobe cyangwa udukoko dutera indwara ;
- 4° umubirikira wabugenewe;
- 5° akayunguruzo kabugenewe;
- 6° uduhanagura ntoki;
- 7° firigo;
- 8° ibicuba by'amata bitagwa umugese;
- 9° akabati;
- 10° ameza.

However, fermented milk and ghee sold in kiosks must comply with the standards established by Rwanda Standards Board.

**Article 16: Utensils and equipment**

Every owner of milk kiosk must have the following basic utensils:

- 1° stainless steel saucepans that are easy to wash and which prevent contamination and minimize the growth of microorganisms;
- 2° cups and glasses;
- 3° stainless steel basins and buckets that are easy to wash and which prevent contamination and minimize the growth of microorganisms;
- 4° an appropriate funnel;
- 5° an appropriate sieve;
- 6° towels;
- 7° a refrigerator;
- 8° stainless steel milk cans;
- 9° cupboard;
- 10° table.

Cependant, le lait caillé et le beurre doivent respecter les normes telles que fixées par l'Office Rwandais de Normalisation.

**Article 16: Ustensiles et équipements**

Chaque propriétaire du kiosque de lait doit avoir les ustensiles et équipements de base suivants :

- 1° des casseroles en acier inoxydable, faciles à laver, qui empêchent les contaminants et minimisent la croissance des microorganismes ;
- 2° des gobelets et verres ;
- 3° des bassins et seaux inoxydables faciles à laver, qui empêchent les contaminants et minimisent la croissance des microorganismes ;
- 4° un entonnoir approprié;
- 5° un filtre approprié;
- 6° des serviettes;
- 7° un réfrigérateur;
- 8° des pots à lait en acier inoxydable;
- 9° une armoire;
- 10° une table.

Ibikoresho bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigomba kuba bitagoranye gusukura kandi bigakoresheka ku mata gusa.

Utensils and equipment mentioned in Paragraph One of this Article must be easy to clean and used only for milk handling.

Les ustensiles et équipements mentionnés à l'alinéa premier du présent article doivent être faciles à nettoyer et utilisés uniquement pour les activités de manutention du lait.

**UMUTWE WA V: UBUGENZUZI  
BW'UBUZIRANENGE BW'AMATA  
N'IBIYAKOMOKAHO**

**CHAPTER V: MILK AND MILK PRODUCTS  
QUALITY CONTROL INSPECTION**

**CHAPITRE V: INSPECTION DE LA  
QUALITE DU LAIT ET PRODUITS  
DERIVES**

**Ingingo ya 17: Amata yemewe gucuruzwa mu Rwanda**

**Article 17: Milk allowed to be commercialized in Rwanda**

**Article 17: Lait autorisé à être commercialisé au Rwanda**

Amata yujuje ubuziranenge ni yo yemewe gucuruzwa mu Rwanda. Agezwa ku ikusanyirizo, ikaragiro cyangwa aho acururizwa hubahirijwe ibisabwa n'iri teka

Only good quality milk is allowed to be commercialized in Rwanda. It shall be supplied to the milk aggregation point, milk processing plant and milk kiosks in respect to the requirements of this Order

Seul le lait de bonne qualité est autorisé à être commercialisé au Rwanda. Il est approvisionné vers les centres de collecte, les laiteries et les kiosques de lait tout en respectant les exigences du présent arrêté.

**Ingingo ya 18: Kwihanangiriza**

**Article 18: Warning**

**Article 18: Avertissement**

Iyo umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata afite ibimenyetso ashingiraho ko amata ari ahantu hashobora kuyahumanya, ashobora kwihanangiriza akoresheje inyandiko, uwo bireba cyangwa umuhagarariye wemewe, amusaba kuzuza ibibura yashyize muri iyo nyandiko.

An inspector of milk quality who has reasonable grounds to believe that milk is exposed to any source of contamination, may issue a written warning notice to the concerned or any other person in charge and require him or her to fulfill the conditions specified in the notice.

Lorsqu'un inspecteur de la qualité de lait a des raisons de croire que le lait est exposé à une source de contamination, il peut, par un avertissement écrit à l'acteur de la chaîne du lait ou son représentant, leur exiger de remplir les conditions précisées dans l'avertissement.

Inyandiko ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, igomba kugaragaza igihe ntarengwa uwo bireba asabwa kuba yamaze kuzuza ibisabwa bikubiye muri iyo nyandiko.

The notice mentioned Paragraph One of this Article, must specify the period within which the concerned person is required to have fulfilled the conditions specified in the notice.

L'avertissement mentionné à l'alinéa premier du présent article doit préciser le délai dans lequel la personne concernée doit remplir les conditions précisées dans cet avertissement.

**Ingingo ya 19: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'uri mu ruhererekane rw'amata**

Mu rwego rwo kurengera ubuzima rusange bw'abaturage, umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata ashobora guhagarika by'agateganyo umuntu wese uri mu ruhererekane rw'amata utujuje ibisabwa bijyanye no gukusanya, gutwara cyangwa gucuruzza amata kugeza igihe yujuriye ibisabwa.

Umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata uhagaritse by'agateganyo uri mu ruhererekane rw'amata hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, amenyesha, mu nyandiko, urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano zarwo n'ubuyobozi bwatanze uruhushya rwo kujya mu ruhererekane rw'amata, mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48), ibyemezo byafashwe, ibyakozwe kimwe n'ibiteganywa gukorwa bigamije kuzuzwa ibisabwa.

Uwahagaritswe by'agateganyo yongera gukora ari uko urwego rwamuhagaritse rwemeje mu nyandiko ko yujuje ibyo yasabwe.

**Ingingo ya 20: Raporo y'ubugenzuzi bw'amata**

Umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata ategura raporo y'ubugenzuzi akayohereza urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano zarwo.

Umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata atanga raporo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye

**Article 19: Temporary suspension of a milk chain actor**

An inspector of milk quality may, for the purposes of protecting the public health, temporarily suspend any milk chain actor who does not fulfill the conditions of collecting, transporting or selling milk until he/she complies with the requirements.

The inspector of milk quality who temporarily suspends a milk chain actor as mentioned in Paragraph One of this Article shall, in writing, inform the institution in charge of livestock products inspection and the authority that issued the license to be in the milk chain, in a period not exceeding forty eight (48) hours, of the measures taken, achievements and the steps he/she intends to take to completely fulfill the requirements.

A temporarily suspended milk chain actor shall resume activities if the competent authority has accepted in writing the corrections made.

**Article 20: Milk inspection report**

The inspector of milk quality shall prepare an inspection report and submit it to the authority in charge of livestock products inspection.

The inspector of milk quality shall submit the inspection report in a period not exceeding seven

**Article 19: Suspension temporaire d'un acteur de la chaîne du lait**

Un inspecteur de la qualité de lait peut, dans le but de protéger la santé publique, suspendre temporairement tout acteur de la chaîne du lait qui ne remplit pas les conditions de la collecte, du transport ou de la vente du lait jusqu'à ce qu'il se conforme aux conditions requises.

L'inspecteur de la qualité de lait qui suspend temporairement un acteur de la chaîne du lait en vertu de l'alinéa premier du présent article informe par écrit, dans un délai ne dépassant pas quarante-huit (48) heures, l'institution ayant l'inspection des produits d'origine animale dans ses attributions et l'autorité ayant délivré l'autorisation, des mesures prises et les progrès réalisés ainsi que les mesures qu'il compte prendre pour que les conditions exigées soient remplies.

Un acteur de la chaîne de lait temporairement suspendu doit reprendre ses activités si l'autorité compétente a accepté par écrit les corrections apportées.

**Article 20: Rapport de l'inspection du lait**

L'inspecteur de la qualité de lait rédige un rapport d'inspection et le transmet à l'autorité ayant l'inspection des produits d'origine animale dans ses attributions..

L'inspecteur de la qualité de lait transmet le rapport endéans sept (7) jours à partir du jour de la

*Official Gazette n° 07 of 15/02/2016*

ku muni ubugenzuzi burangiriye.

Icyakora, mu gihe byihutirwa, Umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata atanga raporo y'ubugenzuzi mu masaha mirongo ine n'umunani (48) akimara gukora ubugenzuzi kugira ngo hafatwe ibyemezo bikwiye.

**UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 21: Igihe cy'inzibacyuho**

Umuntu wese urebwa n'ibyo iri teka riteganya agomba kuba yabyubahirije mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye igihe ritangarijwe mu Gazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 22: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 23: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa uhereye ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

(7) days from the date the inspection is concluded.

However, in case of urgency, the inspector of milk quality shall submit the inspection report within a period of forty eight (48) hours after the inspection is conducted in order to take appropriate decisions.

**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 21: Transitional period**

Any person concerned with requirements of this Order is be required to have complied with them in a period not exceeding six (6) months from the date it is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 22: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 23: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

clôture de l'inspection.

Cependant, en cas d'urgence, l'inspecteur de la qualité de lait transmet le rapport d'inspection endéans quarante-huit (48) heures après la fin de l'inspection afin de prendre les mesures qui s'imposent.

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 21: Période de transition**

Toute personne concernée par les exigences du présent arrêté dispose d'un délai de six (6) mois pour s'y conformer, à compter de la date sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Article 22: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 24: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

*Official Gazette n° 07 of 15/02/2016*

Kigali, ku wa 10/02/2016

(sé)  
**MUKESHIMANA Gérardine**  
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 10/02/2016

(sé)  
**MUKESHIMANA Gérardine**  
Minister of Agriculture and Animal Resources

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le 10/02/2016

(sé)  
**MUKESHIMANA Gérardine**  
Ministre de l'Agriculture et des Ressources  
Animales

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux